

Our Ref: 01/RRA/CG/TPS/2024
Your Ref:

Date: 03/01/2024


ITANGAZO

Mu rwego rwo kunoza imikorere n'imikoranire n'abafatanyabikorwa muri za Gasutamo, ubuyobozi bw'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) buramenyesha abatumiza ibintu mu mahanga, abakora ubwikorezi bw'ibicuruzwa bigenzurwa na Gasutamo, abunganira abacuruzi muri Gasutamo n'abafite ububiko bw'ibicuruzwa (importers, transporters, clearing agents and bonded warehouse owners) ko bagomba kubahiriza ibi bikurikira mu mirimo yabo ya buri munsi:

- 1) Abakora ubwikorezi bw'ibicuruzwa bigenzurwa na Gasutamo bagomba gusaba icyemezo kibemerera gukora iyo mirimo gitangwa na Komiseri wa za Gasutamo nk'uko biteganywa n'ingingo ya 244 ya EAC CMA. Ibisabwa bizamenyeshwa abo bireba;
- 2) Ku bantu bazana ibicuruzwa bifatanyije(groupage), uwabunganiye guhera ku cyambu ibicuruzwa byinjiriye (Mombasa, Dares-Salam, ku kibuga cy'indege n'ahandi) ni we wenyine uzajya akomeza kunganira abishyize hamwe kugeza igihe umuzigo wabo bose usohockeye muri Gasutamo;
- 3) Ibyanditse ku nyemezabuguzi iherekeza ibicuruzwa, ku nyandiko yakira ibicuruzwa mu bubiko no ku imenyekanisha ry'umusoro bigomba kuba bitomoye ku buryo hatabaho gushidikanya ku gicuruzwa (kugaragaza neza ubwoko, ingano, agaciro, inkomoko n'ibindi biranga igicuruzwa);
- 4) Inyandiko yo kwakira ibicuruzwa mu bubiko (Avis d'Arrive) igomba kugaragaza neza HS Code ya buri gicuruzwa, uburemere n'ingano bya buri bwoko bw'ibicuruzwa;
- 5) Ibantu byinjizwa mu bubiko (warehouse) bigomba kubikwa mu buryo bugaragaza ibizakoreshwa mu gihugu n'ibizoherezwa hanze (home consumption and re-export).

Ibivuze muri iri tangazo biratangira kubahirizwa uhoreye igihe risohockeye.

BIZIMANA RUGANINTWALE Pascal
Komiseri Mukuru

HERE FOR YOU
TO SERVE